

**Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame mu  
muhango wo kwizihiza isabukuru y'imyaka 10 y'Urugaga  
Nyarwanda rw'Ababana na Virusi itera Sida (RRP+)**

**12 Kamena 2014**

**Nyakubahwa Presidente w'inteko inshingamategeko, umutwe w'Abadepite,**

**Nyakubahwa Minisitiri w'Ubuzima,**

**Nyakubahwa Mayor w'Umujyi wa Kigali,**

**The Regional Director of UNAIDS,**

**Ba Nyakubahwa Ntumwa za rubanda imitwe yombi,**

**Madamu Presidente w'Urugaga Nyarwanda rw'ababana na virusi itera Sida,**

**Banyamuryango ba RRP+,**

Mwaramutse neza!

Uyu muni twaje kwizihiza isabukuru y'imyaka icumi Urugaga Nyarwanda rw'Ababana na Virusi itera SIDA rumaze ruvutse. Ndagira ngo mbanze nifurize isabukuru nziza, abanyamuryango b'Urugaga bose.

Ndashimira kandi mwese, mwagize uruhare mu gushinga uru rugaga, abafatanyabikorwa barimo Leta y'u Rwanda, amashami y'umuryango w'Abibumbye akorera mu gihugu cyacu, imiryango itari iya Leta n'abandi bose batanze umusanzu wo gushyigikira ishyirwaho rya RRP+ n'ibikorwa byayo uko byagiye bikurikirana kugeza ubu.

Ndashimira by'umwihariko, abanyamuryango batekereje kwishyira hamwe ngo bikemurire ibibazo byari bibugarije, mu gihe byari bitoroshye kwemera kuvuga mu ruhame ko ubana na virusi itera Sida. Ntabwo mwaruhiye ubusa rero, ibyo mwagezeho mwatugaragarije ni ibyo kwishimira. Twongere tubashimire ko mwabaye abafatanyabikorwa ba Leta. Ukwishyira hamwe kwanyu, kworohereje n'abandi bafatanyabikorwa mu kuza gukorana namwe, kuko byari byoroshye kumenya aho babasanga.

Nkuko presidente w'Urugaga amaze kubivuga, iki ni igihe abantu basubiza amaso inyuma, bakareba aho bavuye, aho bageze ndetse n'aho bagana. Iyo turebye imibare itangwa na Minisiteri y'ubuzima dusanga igihugu cyacu cyaravuye kure kubijyanye no kurwanya Virus itera Sida mu banyarwanda.

Mu myaka yashize, twabuze abantu benshi bazira Virus itera Sida biyongeraga kubo twari twarabuze muri Genocide yakorewe abatutsi muri 1994. Ntawe utibuka kandi ko muri icyo gihe, ababana na virusi itera SIDA batari bake babaga mu kato gakabije, bakorerwaga na bamwe bo mu miryango yabo cyangwa mu muryango nyarwanda muri rusange.

Muri icyo gihe byari bigoye rero ko nabo ubwabo bari kwigirira icyizere cyo kubaho. Iyo mibereho barimo ndetse yatumaga n'abandi bantu batinya kwipimisha ngo badahinduka ibicibwa na bo mu gihe basanze baranduye.

Ariko ubu twakwishimira ko ingamba zafashwe nko gukangurira abantu kwipimisha ku bushake kugirango bamenye uko bahagaze, gukangurira abantu ububi bwa virusi itera Sida, kwita ku babyeyi batwite hagamiywe kurinda ubwandu abana bavuka, byatumye ubwandu bugabanuka bukaba bwaravuye kuri 9% bukagera kuri 1% mu mwaka wa 2013.

Ubu rero turishimira ko imibereho y'ababana na virusi itera SIDA yagiye itera imbere binyujijwe mu rugaga, byatumye buri wese warugannye yisanga mu wundi muryango, bitandukanye n'igihe yiberaga mu kato yashyirwagamo n'abandi. Turashimira kandi ko Leta yakoze akazi gakomeye ko kubona imiti igabanya ubukana, ubu abayikeneye bose bakaba bayihabwa.

Mugihe mwuzuzwa isabukuru y'imyaka icumi, ibyo u Rwanda rwagezeho mwagizemo uruhare rukomeye, ni nayo mpamvu n'ibibazo bigihari, mugomba gukomeza gufatanya kubirwanya

u Rwanda ubu rwiyeje guharanira ko nta bwandu bushya mu barutuye, nta mpfu ziturutse kuri Virus itera Sida, nta kato kagomba gukorerwa abantu babana nayo, kandi rwiyeje kugira urubyiruko ruzira ubwandu.

Ariko kandi tumenye ko igihugu cyacu gihagaze kuri 3% y'abantu bafite virus itera Sida. Tuzirikane kandi ko akarere duherereyemo k'ibihugu byo muni y'ubutayu bwa Sahara ari ko gafite umubare munini w'abantu bafite iyo Virus bangana na 70% ku rwego rw'isi.

Imibare ya Minisiteri y'ubuzima itwereka ko buri minota 30 haba hari umuntu mu Rwanda wanduye Virus itera Sida.

Ibi biratwereka ko tugifite urugendo rurerure, kandi tutagomba kwirara ngo twibagirwe ko tucyugarijwe.

Niyo mpamvu ngirango mbasabe, nkuko mwafatanyije urugendo na Leta, mukomeze mugire uruhare runini ku intego twihaye yo guca burundu ubwandu bushya. Aha twavuga nko:

- Gukomeza kurinda abandi ubwandu, haba mu rubyiruko cyangwa abagore bakibyarira mu bwandu (prevention with positive)
- Gukomeza gushishikariza abantu kwipimisha ku bushake no kwiyakira iyo basanze bafite virus kwiyakira,
- Kwita ku buzima bwanyu muri rusange

Nubwo tuzi neza ko igihugu cyacu cyavuye kure, mu rwego rwo kurwanya Virus itera Sida, ubu imiti igabanya ubukana ikaba iboneka ku buntu, umubyeyi wakurikiranywe kwa muganga akaba ashobora kubyara umwana muzima, ni ngombwa kwiyemeza kugabanya iyo ngengo y'imali ikoreshwa muri izo gahunda kugirango ishorwe mu bindi bikorwa by'iterambere.

Muri iyi myaka icumi turishimira, ko ingorane mwari mufite zagiye zigabanuka ariko nizo mwavuze zigihari ntabwo zatunanira dufatanije, gusa mukomeze guharanira kwiyubakamo icyizere, mwigire, twese dushishikarize abantu bazi ko babana n'ubwandu kugana urugaga. Ikibazo cy'akato mugikorera aha twasaba ko itegeko ribihana ryashyirwa mu bikorwa mu gihe bigaragaye.

Mukomeze musigasire ibyagezweho, mushyire hamwe, mugire imikoranire myiza hagati yanyu ndetse no mu zindi nzego kuko iyi ni imwe mu nkingi izafasha kubungabunga ibimaze kugerwaho.

Ntidushidikanya ko umunsi hazizihizwa isabukuru y'indi myaka icumi, tuzaba tuvuga indi ntambwe ishimishije izaba yaratewe, haba ku ruhande rw'Urugaga cyangwa mu bikorwa byo kurwanya Virus itera Sida muri rusange.

Mbifuriye gukomeza kugira umunsi mwiza w'isabukuru y'imyaka icumi, mukomeze mugire ubuzima buzira bwiza.

Mugire amahoro, murakoze !